**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMURYANGO B'AMAKOPERATIVE**

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 075/01 ryo ku wa 09/12/2022 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6 (j) ni'ya 7 ibika icya (a), icya (b) n'icya (c);

Ashingiye ku Itegeko n°057/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga Amakoperative mu Rwanda cyane cyane ingingo zaryo iya 38 n'iya 46;

Amaze kubona ko imiyoborere n'imicungire y'umutungo mu makoperative bigomba kwitabwaho kandi bigakorwa mu nyungu z'abanyamuryango;

Aramenyesha abanyamuryango b'amakoperative yose n'abayobozi bayo ko, ku wa 8 Nyakanga 2024, hasohotse **itegeko rishya n°057/2024 ryo ku wa 20/06/2024** rigenga Amakoperative mu Rwanda rikaba ryarasimbuye Itegeko n°024/0221 ryo ku wa 27 Mata 2021.

Kubera iyo mpamvu, Amakoperative asanzwe afite icyemezo cy'ubuzimagatozi ahawe igihe cy'umwaka umwe (1) kibarwa uhereye tariki ya **8 Nyakanga 2024** kugira ngo abe yubahirije ibiteganywa n'itegeko rishya ryavuzwe haruguru.

Abagize inzego z'Amakoperative yose afite ubuzimagatozi, barasabwa kubahiriza no gusoza manda batorewe hakurikijwe itegeko ryakurikizwaga igihe batorwaga.

Muhanga, ku wa 22 Nyakanga 2024.

**Dr Patrice MUGENZI**
**Umuyobozi Mukuru**

Digitally signed by RCA(Director General)
Date: 2024.07.22 18:00:11 +02'00'